

**ABLE** ADVOCATES  
FOR BASIC LEGAL  
EQUALITY, INC.

**GUTEGURA UMURYANGO WAWWE  
KUBAHIRIZA IBISABWA N'URWEGO  
RUSHINZWE ABIMUKIRA.**

Menya uburenganzira bwawe



[immigration.ablelaw.org](https://immigration.ablelaw.org)

---

# URUTONDE RW'IBIKUBIYEMO

**MBERE Y'UMUKWABO W'URWEGO RUSHINZWE ABIMUKIRA.2**  
TEGURA UBURYO BW'INGOBOKA BUGAMIJE KURINDA UMURYANGO WAWU!

**MENYA UBURENGANZIRA BWAWU .....3**  
ICYO WAKORA MU GIHE UHUYE NA POLISI CYANGWA URWEGO RUSHINZWE ABIMUKIRA

**AMAKURU YABAFUNGA ABIMUKIRA BYAGATEGANYO ..... 6**

**NIBA URI AHO BAFUNGIRA ABIMUKIRA BYAGATEGANYO .....7**

**UMUGEREKA A .....8**  
IBIGO BIDAHAHANIRA INYUNGU BITANGA SERIVISI ZUNGANIRA ABIMUKIRA MU BY'AMATEGEKO

**UMUGEREKA B.....10**  
AMAFISHI & AMAKURU BWITE BY'INGENZI

Inyandiko itanga ububasha budasesuye ku umwunganizi mu mategeko.....	11
Nomero za Telefone & amakuru by'ingenzi.....	13
Amakuru y'umuryango y'ingenzi.....	14
Amakuru y'umuryango ajyanye n'ubuvuzi & nibiuranga.....	15
Abo guhamagara igihe uhuye n'ibibazo bijyanye n'amategeko, kumenya ubujura, & Uburiganya.....	17
Ubuuzi bwihutirwa bw'amatungo yo mu rugo.....	18

**UMUGEREKA C ..... 19**  
NOMERO Z'INGENZI

Amakuru y'abimukira bafunzwe byagateganyo & abavugira abimukira muri Ohio .....	19
Sisiteme ya ICE ya interineta yerekana aho umufungwa aherereye .....	19
Iburo bya guverinoma .....	19
Aho abimukira bafungirwa byagateganyo.....	21
Aho abimukira bafungirwa byagateganyo muri Ohio.....	22

*Amwe mu makuru n'amafishi byifashishijwe muri iyi nyandiko byateguwe n'ikigo cya Michigan Kirengera  
Uburenganzira bw'Abimukira.*

---

# MBERE Y'UMUKWABO W'URWEGO RUSHINZWE ABIMUKIRA

TEGURA UBURYO BW'INGOBOKA BUGAMIJE KURINDA UMURYANGO WAWU!

## Shyira inyandiko z'ingenzi zawe zose ahantu byoroshye kuzibona.

Kora kopi z'inyandiko zawe maze uzihe umuntu wo mu muryango cyangwa inshuti yawe ya hafi kugira ngo babe bakugoboka igihe zikenewe.

- Pasiporo
- icyemezo cy'amavuko
- icyemezo cy'ishyirirwaho
- inyandiko z'imitungo
- inyandiko zose z'abimukira; inyandiko zifite inyuguti ya "A"

## Vugana n'umunyamategeko wabimukira kugira ngo asuzume ikibazo cyawe kijyanye n'ubwimukira.

- Igihe cyose itwaze numero cyangwa ikarita by'ikigo gitanga serivisi z'ubwunganizi mu by'amategeko cyangwa umunyamategeko wunganira abimukira kugira ngo babe bakugoboka igihe ukeneye ubufasha bwihutirwa. Reba ku MUGEREKA A urahasanga urutonde rwabo.
- N'abandi bantu bo mu muryango wawe bagomba gutunga izi numero.

## Shyiraho gahunda y'ingoboka yagufasha igihe uri ku kazi.

- Igihe abakozi b'urwego rushinzwe abimukira bagusanze ku kazi, bwira abo mukorana kutagira icyo bavugaga maze ubwire abakozi b'urwego rushinzwe abimukira ko wifuza kuvugana n'umunyamategeko ukunganira mbere y'uko usubiza ikibazo icyo ari cyo cyose.
- Niba aho ukora mufite urugaga rw'abakozi, vugana n'abahagarariye urwo rugaga kugira ngo umenye icyo wakora kugira ngo umenye uko wakwitegura igihe habaye umukwabo.

## Shyiraho uburyo bwo kurinda umuryango wawe.

- Tegura ifishi itangirwaho "Ububasha Budasesuye" kugira ngo wizere ko abana bawe bazitabwaho n'umuntu mufite icyo mufana cyangwa inshuti y'umuryango mu gihe waba ufunzwe.
  - » Ibi ni ngombwa cyane, kandi igihe ukeneye uwakugoboka, bituma inshuti ya hafi cyangwa umuntu wo mu muryango babasha kwita ku bana bawe aho kugira ngo bajyanwe mu kigo kirera bana. Reba UMUGEREKA B.
- Sabira umwana wawe urwandiko rw'abajya mu mahanga kandi wirinde ko rurangira utarasaba urundi.
  - » Niba umwana wawe afite ubwenegihugu bwa Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, ihutire kumushakira pasiporo vuba na bwangu. Bazarukenera igihe bibaye ngombwa ko basohoka mu gihugu.
  - » Niba umwana wawe adafite ubwenegihugu bwa Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, musabire pasiporo mu gihugu yavukiyemo. Ushobora kurusaba kuri konsila y'igihugu ukomokamo. Reba urutonde ku MUGEREKA C.
- Egera konsila y'igihugu ukomokamo maze wandikishe umwana wawe nk'umwenegihugu w'icyo gihugu kugira ngo utazagira ibibazo ugeze muri icyo gihugu.
  - » Urugero, mu bihugu bimwe na bimwe, usanga abana batyandikishije badashobora kwiga mu mashuri yaho. Nyamoneka vugana na ambasade cyangwa konsula y'igihugu cyawe ikwegereye kugirango umenye uburyo bwo kwandikisha abana bawe bavukiye muri icyo gihugu.

# MENYA UBURENGANZIRA BWawe

## ICYO WAKORA MU GIHE UHUYE NA POLISI CYANGWA URWEGO RUSHINZWE ABIMUKIRA.

### Ibintu by'igenzi abadafite ubwenegihugu bagomba kwitaho:

- Ugomba kuba witeguye mu gihe ufashwe. Wowe n'umuryango wawe mutegure uko byagenda. Fata mu mutwe numero z'abantu b'igenzi bose ushobora kwitabaza, harimo n'umunyamategeko ukunganira.
- Irinde kugira undi uganira na we ibijyanye na dosiye y'ubwimukira yawe utari umunyamategeko ukunganira.
- Baza umunyamategeko ukunganira ingaruka guhamwa cyangwa kuregwa icyaha bishobora kugira kuri dosiye y'ubwimukira yawe. Igihe uramutse ufunzwe, umukozi w'urwego rushinzwe abimukira ashobora kugusura. Irinde gusubiza ibibazo cyangwa gushyira umukono ku nyandiko iyo ari yo yose mbere yo kubiganiraho n'umunyamategeko.
- Soma inyandiko zose witonze. Menyesha umupolisi cyangwa umukozi w'urwego rushinzwe abimukira niba ukeneye umusemuzi. Wishyira umukono ku nyandiko igihe udasobanukiwe neza ibiyirimo.

### Uburenganzira bwawe:

- Ufite uburenganzira bwo guceceka. Niba wifuzaga gukoresha ubu burenganzira, bivuge mu ijwi riranguruye maze wicecekerere. **Ibuka ko ikintu cyose ushobora kuvuga gishobora kukugiraho ingaruka.**
- Muri Leta ya Ohio, hari irengayobora rimwe rishobora kvanaho ubwo burenganzira bwo guceceka. Igihe polisi ifite icyo ishingiraho ikeka ko wakoze icyaha cyangwa wenda gukora icyaha, ugomba kuyibwira amazina yawe, aho utuye ndetse n'itariki y'amavuko yawe. Nyuma yo guha umupolisi aya makuru, nta kindi kibazo ugomba gusubiza.
- Ufite uburenganzira bwo kwanga ko agusaka, ko asaka ikinyabiziga cyawe cyangwa inzu yawe.
- Ufite uburenganzira bwo kubahwa na polisi.
- Niba utafashwe, ufite uburenganzira bwo kwigendera mu mutuzo.
- Igihe ufashwe kubera ukekwa icyaha, ufite uburenganzira bwo guhabwa umunyamategeko ukunganira. Musabe ako kanya.
- Hatitawe ku icyiciro cyawe cy'ubwimukira cyangwa ubwenegihugu, ufite uburenganzira uhabwa n'itegeko nshinga.

### Inshingano zawe:

- Tuza kandi urangwe n'ikinyabupfura.
- Irinde kwivanga cyangwa kubangamira akazi ka polisi. Kora ibyo umupolisi agusabye gukora byose.
- Irinde guhangana n'umupolisi umwereka ko umurushije ingufu, kabone n'ubwo waba wumva akurenganyije.
- Irinde kubeshya cyangwa kwerekana inyandiko zitari zo.
- Fata mu mutwe uko byagenze ndetse wihutire kugira aho ubyandika.

## Mugihe uhagaritswe utwaye ikinyabiziga.

- Ihutire guhagarika ikinyabiziga ku ruhande ahantu hatabangamye. Shyira amaboko kuri diregisiyo kandi wirinde kugira ikindi ukora kugeza igihe umupolisi agereye ku idirishya ryawe.
- Irinde gusohoka mu kinyabiziga, kugerageza gucika cyangwa guhita ugira ikindi ushaka gukora.
- Igihe umupolisi abigusabye, mwereke uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga, icyemezo k'iyandikishwa ry'ikinyabiziga, ndetse n'icyemezo cy'ubwishingizi.
- Igihe umupolisi cyangwa umukozi w'urwego rushinzwe abimukira bagusabye gusaka ikinyabiziga cyawe, ushobora kubanza niba ushobora kwigendera. Umupolisi niyemera, wicare wicecekere cyangwa wigendere mu mutuzo. N'ubwo umupolisi yaguhakanira, ufite uburenganzira bwo kuguma ucecetse.
- Irinde guhangana n'umupolisi igihe agufashe, kabone n'ubwo waba wumva urengana.
- Igihe akwandikiye konterevasiyo, yishyireho umukono kuko iyo utabikoze, bishobora gutuma agufata. Nyuma y'aho, uba ushobora guhita utanga ikirego mu nkiko.

## Igihe ubajijwe ibibazo bijyanye na dosiye y'ubwimukira yawe,

- ibuka ko ufite uburenganzira bwo guceceka. Si ngombwa ko ubwira umupolisi, umukozi w'urwego rushinzwe abimukira cyangwa undi muyobozi uwo ari we wese ibijyanye na dosiye y'ubwimukira yawe cyangwa ibijyanye n'ubwenegihugu bwawe. Si ngombwa ko usubiza ibibazo bijyanye n'aho wavukiye, niba uri umunyamerika cyangwa ngo uvuge uko wageze mu gihugu.
- Amategeko y'igihugu asaba abatari abenegihugu kwitwaza ibyangombwa byabo igihe cyose kandi bakaganzura ko bitarengeje igihe. Igihe umukozi w'urwego rushinzwe abimukira (abakozi b'Urwego Rushinzwe Kurinda Imipaka cyangwa ab'Urwego Rushinzwe Abimukira na Gasutamo ("ICE")) agusabye kumwerekana ibyangombwa biranga umwimukira ntubimwerekane kandi ufite ibyangombwa bitarengeje igihe, uba wishe amategeko y'igihugu.

Irinde kubeshya ko uri umwenegihugu cyangwa ngo werekane inyandiko z'impimbano. Andika ibyo wibuka byose, harimo ibijyanye n'icyapa kiranga umupolisi na numero iranga ikinyabiziga cy'Urwego Rushinzwe Kurinda Imipaka, urwego akorera, ndetse n'andi makuru yose.

---

---

## IBUKA

---

---

**Ufite uburenganzira bwo guceceka.**

**Irinde kugira icyo uvuga kijyanye na dosiye y'ubwimukira yawe cyangwa kuvuga aho wavuye.**

**Niba ufite icyangombwa kiranga umwimukira kitarengeje igihe, cyerekane.**

## Igihe abapolisi cyangwa abakozi b'urwego rushinzwe abimukira baje iwawe.


Igihe abapolisi cyangwa abakozi b'urwego rushinzwe abimukira baje iwawe, **WIBAKINGURIRA**. Ufite uburenganzira bwo kwanga kubakingurira uretse igihe bafite ubwoko runaka bw'inyandiko zibahesha ubwo burenganzira. Saba uwo mupolisi cyangwa uwo mukozi kunyuzza inyandiko imuhesha uburenganzira munsu y'umuryango cyangwa kuyikwerekera mu idirishya kugira ngo uyisuzume.

- Inyandiko yo gusaka iha abapolisi uburenganzira bwo kwinjira ahantu hafite aderesi igaragara kuri iyo nyandiko ndetse bakaba babikora n'igihe waba utabibemereye, ariko nanone abapolisi bagomba gusaka aho hantu gusa kandi bagashaka ibintu byagaragajwe kuri iyo nyandiko. Inyandiko yo gusaka igomba kuba iriho umukono w'umucamanza. Saba abapolisi kuguha inyandiko igaragaza ibintu byose bakuye iwawe.
- Inyandiko yo gufata uwakoze icyaha iha abapolisi uburenganzira bwo kwinjira mu rugo rw'umuntu uvugwa muri iyo nyandiko igihe bazi ko ahari. Inyandiko yo gufata uwakoze icyaha igomba kuba iriho umukono w'umucamanza.
- Inyandiko yo kwirukana cyangwa gusubiza umwimukira mu gihugu aturukamo ("inyandiko itangwa na ICE") ntiyemerera abapolisi kwinjira iwawe utabibemereye.

N'ubwo abapolisi baba bafite inyandiko ibahesha uburenganzira, ufite uburenganzira bwo guceceka. Igihe uhiseho kuvugana n'abapolisi, sohoka maze ufunge umuryango. Ariko mu bihe bidasanze, abapolisi bashobora kwinjira mu nzu yawe maze bagasaka batabanje guhabwa inyandiko yo gusaka (urugero, igihe umuntu avugirije induru mu nzu yawe asaba ubufasha cyangwa igihe abapolisi bari kwirukankana umuntu).

## Igihe ufashwe

- Saba kuvugana n'umwunganizi mu by'amategeko wawe cyangwa guhamagara umuntu kuri telefone.
- Hamagara inshuti yawe wizera cyangwa umwe mu bagize umuryango wawe uzi numero za telefoni z'umwunganizi wawe n'uburyo bwawe bw'ingoboka. Fata mu mutwe numero ya telefoni y'umuntu wifuzaga ko muganira.
- Hamagara konsila y'igihugu cyawe. Ufite uburenganzira bwo kubwira umupolisi kumenyesha konsila y'igihugu cyawe ko bagufashe. Konsila ishobora kugufasha gushaka umwunganizi mu by'amategeko igihe usanzwe ntawe ufite ndetse ikanaguhamagarira umuryango wawe.



**Irinde gushyira umukono ku nyandiko utumva neza mbere yo kubanza kuvugana n'umunyamategeko wawe.**



# AMAKURU YEREKEYE ABASHINZWE GUFUNGA ABIMUKIRA

## Urwego rufunga umwimukira ni iki?

Iyo urwego rutari urw'abinjira n'abasohoka (urugero nk'igipolisi cy'akarere) rufite umuntu mu maboko yarwo kandi Urwego Rushinzwe Abimukira na Gasutamo (urugero nka ICE cyangwa urwego rushinzwe kugenzura imipaka) rugashaka gufata uwo muntu no kumwirukana, urwego rw'abinjira n'abasohoka rushobora gutanga icyemezo cyo kumufata ku ngufu. Aba bantu bafunze bashobora gusaba ko urwego rushinzwe kubahiriza amategeko mu by'abimukira 1) kumenyesha urwego rushinzwe abimukira itariki uwo muntu yarekuweho cyangwa 2) ko urwego rushinzwe kubahiriza amategeko mu by'abimukira rufata uwo muntu igihe kirekire nyuma y'uko urubanza rwe mpanabyaha rurangiye. Intego y'ayo mabwiriza yombi ni uko urwego rushinzwe abinjira n'abasohoka rufata uwo muntu kandi rukamwirukana.

## Ubuyobozi bw'akarere bushobora gufunga umuntu igihe kingana iki igihe bubisabwe n'Urwego ICE?

Amabwiriza yatanzwe ku rwego rw'igihugu avuga ko, umuntu wafunzwe bisabwe n'Urwego Rushinzwe Abimukira na Gasutamo adashobora kurenza amasaha 48 afunze, hatabariwemo iminsi yo ku wa Gatandatu, ku Cyumweru n'iminsi ya konji. Ayo masaha 48 atangira kubarwa uhereye igihe polisi y'akarere cyangwa ya Leta yarekuriye uwo muntu ikamushyikiriza urwego runaka kugira ngo akomeze akurikiranweho icyaha runaka. Urwego rwafunze uwo muntu rushobora kubibazwa igihe nta mpamvu yumvikana ihari yatumye rumufunga.

## Bigenda bite iyo amasaha 48 arangiye?

Kubera ko itegeko rya ICE ryo gufunga umuntu ryemerera gusa umuntu gufungwa amasaha 48 arenze ayo amategeko y'igihugu cyangwa y'akarere yemera, iyo umuntu afunzwe hari impamvu zigaragara, umuntu wafunzwe yagombye guhita arekurwa nyuma y'amasaha 48. Nyuma y'icyo gihe, wowe cyangwa umunyamategeko ukunganira mugomba gusaba ko urekurwa mu gihe utararekurwa.

## Bigenda bite iyo umuntu akomeje gufungwa kandi igihe cyateganyijwe cyararenze?

Igihe urwego rushinzwe iyo gereza rudafite impamvu yihariye ituma rukomeza gufungwa uwo muntu kubera wenda ibyaha akurikiranyweho, gukomeza kumufunga kandi igihe cyagenwe n'Urwego Rushinzwe Abimukira na Gasutamo cyarangiye biba binyuranyije n'amategeko. Vugana n'umwunganizi mu by'amategeko igihe ibi bibayeho.

## INGWATE ZICYAHA

Amasaha 48 atangira kubarwa iyo uwo muntu akimara kwishyura ingwate kubera ibyaha akurikiranyweho, cyangwa arekuwe akava muri gereza ya Leta. Birashoboka ko Urwego ICE rwaza rugatwara uwo muntu nyuma y'uko yishyuye ingwate igenwa n'akarere/Leta, kandi igihe amara afunzwe n'urwego rushinzwe abimukira ntikibarwa mu gifungo akatirwa. Niba bishoboka, gisha inama umwunganizi mu by'amategeko nyuma yo gufungwa kugira ngo musuzumire hamwe niba bikwiye ko wakwishyura ingwate kugira ngo akarere kagufungure. **Irinde kwaka inama abanditsi cyangwa abakozi ba gereza zerekeye iki kibazo.**

# NIBA URI MURI -KASHO YABIMUKIRA

## Igihe uri mu kigo gifungirwamo abimukira, ufite uburenganzira bwo:

- Gufatwa mu buryo bwiubashye
- Kugira agatabo kagenewe abafungwa
- Gushaka ukunganira ku giti cyawe no kubona ibyangombwa bigenwa n'amategeko
- Kubona telefone
- Gusurwa
- Kuvugan na konsila yawe
- Kwirinda gusinya amahame cyangwa inyandiko udasobanukiwe
- Kwandika Amabaruwa
- Imyidagaduro
- Imigenzo yo mu rwego rw'idini
- Amafaranga n'umutungo wawe bwite
- Ukwita ku ubuzima

## Igihe ugiye kwirukanwa mu gihugu (gusubizwa mu gihugu ukomokamo).

- Ufite uburenganzira bwo gushaka umunyamategeko ukunganira, ariko leta yo ntizigera igira uwo igushakira ngo akuburanire mu Rukiko Ruburanisha Imanza z'Abimukira. Niba nta munyamategeko ukunganira ufite, saba urutonde rw'abanyamategeko bunganira abantu ku buntu cyangwa ku mafaranga make.
- Ibuka ko ufite uburenganzira bwo guceceka. Ikintu cyose ushobora kuvuga gishobora kukugiraho ingaruka nyuma.
- IRINDE gushyira umukono ku nyandiko iyo ari yo yose utabanje kubiganiraho n'umunyamategeko. Menyesha umukozi w'urwego rushinzwe abimukira ko ukeneye umusemuzi cyangwa niba ukeneye ko hari inyandiko ushyirirwa mu rundi rurimi.
- Ibuka numero iranga umunyamahanga wawe ("numero ya A") kandi uyihe umuryango wawe. Izafasha abagize umuryango wawe kumenya aho uherereye.
- Bika inyandiko zose wahawe ahantu hafite umutekano.

## Uburenganzira bwawe mu Rukiko Ruburanisha Imanza z'Abimukira

Igihe ugiye kwirukanwa mu gihugu kandi ukaba utari warigeze ufatirwa ikemezo cyo kwirukanwa mbere, ufite uburenganzira bwo gushyikiriza ikirego cyawe umucamanza uburanisha imanza z'abimukira. Ushobora kuvanaho uburenganzira bwawe bwo kuburanishwa igihe ushyize umukono ku nyandiko zemera ko ushobora kwirukanwa mu gihugu utabanje kuburanishwa. Ufite kandi uburenganzira bwo:

- Kwitabaza umunyamategeko ngo akunganire mu gihe k'iburanisha, ariko leta yo ntishobora kugira uwo igushakira.
- Saba kwishyura ingwate.
- Itwaze umusemuzi mu gihe k'iburanisha niba utavugaga ururimi rw'Icyongereza.



# UMUGEREKA A:

IBIGO BIDAHRANIRA INYUNGU BITANGA SERIVISI ZUNGANIRA ABIMUKIRA MU BY'AMATEGEKO

## Urutonde rw'abatanga serivisi z'amategeko y'ubwimukira ku buntu

**kandi ku giciro cyo hasi muri Ohio** ni byiza ko wavugana n'ibyo bigo mbere y'uko ugirana ibibazo n'inzego z'abimukira kugira ngo zisuzume imimerere yawe bwite kandi zimenye niba hari uburyo bwo gukemura ikibazo mu gihe waba ufunzwe.

### Advocates for Basic Legal Equality, Inc.

130 W. Second St., Ste. 700  
Dayton, OH 45402

525 Jefferson Ave., Ste. 300  
Toledo, OH 43604

(800) 837-0814

[immigration.ablelaw.org](http://immigration.ablelaw.org)

### Asian Services In Action, Inc. (ASIA)

3631 Perkins Ave. Ste. 2A-W  
Cleveland, OH 44114

(216) 881-0330 ext. 214

370 East Market St.  
Akron, OH 44304

(330) 535-3263

[asiaohio.org](http://asiaohio.org)

### Inyubako y'ikizere mu mugu

5135 Triskett Rd.  
Cleveland, OH 44111

(216) 241-9400

[buildinghopeinthecity.org/refugees-immigrants](http://buildinghopeinthecity.org/refugees-immigrants)

### Catholic Charities Diyoseze ya Cleveland

*Serivisi z'ubwimukira & Impunzi  
Serivisi z'ubwunganizi mu by'amategeko  
z'igenerwa abimukira*

7800 Detroit Ave.  
Cleveland, OH 44102

(216) 939-3769

[ccdacle.org/programs/immigration-legal-services](http://ccdacle.org/programs/immigration-legal-services)

### Imiryango gatolika itanga ubufasha muri Southwestern Ohio.

7162 Reading Rd. Ste. 700  
Cincinnati, OH 45237

448 E. High St.  
Springfield, OH 45505

(513) 672-3746

[ccswoh.org](http://ccswoh.org)

### Umushinga w'umukozi w'umwimukira (Immigration Worker Project) muri Centro San Jose El Trabajador

701 Walnut Ave. NE  
Canton, OH 44702

(330) 454-2220

[iwphio.org](http://iwphio.org)

### Ubufasha mu by'amategeko mu baturage.

25 E. Boardman St. Suite 520  
Youngstown, OH 44503

50 South Main St. Suite 800  
Akron, OH 44308

401 Market Avenue N. Suite 103  
Canton, OH 44702

160 E Market St. Suite 225  
Warren, OH 44481

(800) 998-9454

[communitylegalaid.org](http://communitylegalaid.org)

### Serivisi z'impunzi ndetse nabimukira.

4645 Executive Dr.  
Columbus, OH, 43220

(614) 235-5747

[crisohio.org](http://crisohio.org)

### Cristo Rey Center

Principal Office  
716 Columbus Ave.  
Fostoria, OH 44830

(440) 316-2618

Fremont Extension Office  
105 North Stone St.  
Fremont, OH 43420

(419) 619-3625

### Ikigo gishinzwe amategeko y'abimukira ndetse n'impunzi

3724 St. Lawrence Ave.  
Cincinnati, OH 45205

(513) 828-0577

[irlawcenter.org/our-clients-services](http://irlawcenter.org/our-clients-services)

**International Institute of Akron**

530 South Main St. Suite 1762,  
Akron, OH 44311

(330) 376-5106 ext. 102

[iiakron.org](http://iiakron.org)

**Ikigo mpuzamahanga cyakira abantu**

5781 Manchester Rd.  
New Franklin, OH 44319

(330) 882-4916

[theiwc.org/immigration-legal-services-client-resources/](http://theiwc.org/immigration-legal-services-client-resources/)

**Ikigo gitanga ubufasha mu by'amategeko muri Cleveland.**

1223 W. 6th St.  
Cleveland, OH 44113

(888) 817-3777

[lasclev.org/apply-for-free-legal-aid/](http://lasclev.org/apply-for-free-legal-aid/)

**Ikigo gitanga ubufasha mu by'amategeko muri Southeast na Central Ohio**

1108 City Park Ave. Suite 100  
Columbus, Ohio 43206

(888) 246-4420

[lasco.org](http://lasco.org)

**Ikigo gitanga ubufasha mu by'amategeko muri Southwest Ohio**

215 E. 9th St. Ste. 500  
Cincinnati, OH 45202

10 Journal Square, Ste. 300  
Hamilton, OH 45011

(513) 241-9400

[lasswo.org](http://lasswo.org)

**Ubufasha mu bikoreho bihabwa abimukira**

300 Short Buehrer Rd.  
Archbold, OH 43502

1120 Horace St.  
Toledo, OH 43606

(419) 445-0728

[lampohio.org/services.php](http://lampohio.org/services.php)

**Serivisi z'imibereho myiza y'Abarabu (Social Services for the Arab Community (SSFAC))**

3110 Tremainsville Rd.  
Toledo, OH 43613

(419) 902-7732

[toledolovesyou.org/department-and-services-3](http://toledolovesyou.org/department-and-services-3)

**Komite ya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika ishinzwe impunzi n'abimukira, Ibiro bya USCRI muri Cleveland.**

3167 Fulton Rd. Suite 106  
Cleveland, OH 44109

(216) 250-1574

[refugees.org/legal-services](http://refugees.org/legal-services)

**US Together, Inc.**

2800 Euclid Ave. Suite 200  
Cleveland, OH 44115

(216) 456-9630

1415 E. Dublin-Granville Rd. Suite 100

Columbus, OH 43229  
(614) 437-9941

3450 W. Central Ave., Suite 118  
Toledo, OH 43606

(419) 469-2529

[ustogether.us](http://ustogether.us)

**Vineyard Community Center**

*Immigration Counseling Services*

6000 Cooper Rd.  
Westerville, OH 43081

(614) 259-5322

[vineyardcommunitycenter.org](http://vineyardcommunitycenter.org)



Ukeneye ibisobanuro birambuye kubyerekeye aya mashyirahamwe na serivisi zabo, turagusaba gusura imbuga zabo kuri interineti cyangwa [immigrationadvocates.org/legaldirectory](http://immigrationadvocates.org/legaldirectory) ku bubiko bwuzuye bw'igihugu kuri serivisi z'abimukira mu byamategeko.



Sura Ishyirahamwe ry'abanyamategeko mu byabimukira (AILA) kuri [ailalawyer.com](http://ailalawyer.com) kugirango ubone umunyamategeko mu byabimukira.

# UMUGEREKA B: AMAFISHI Y'INGENZI

## INYANDIKO ITANGA UBUSHOBOZI NTARENGWA BW'UMUNYAMATEGEKO

### AMABWIRIZA

Umubyeyi cyangwa umwishingizi wemewe n'amategeko (Utanga Ububasha) bagomba kuzura ifishi iri ku rupapuro rwa 11 kugeza ku rwa 12 kugira ngo bahe undi muntu (Uhabwa Ububasha) ubushobozi rusange bwo gufata ibyinshi mu byemezo no gukora ibyinshi mu bintu umubyeyi ashobora gukorera umwana we.

1. Iyi fishi igomba gushyirwaho umukono n'umubyeyi cyangwa ababyeyi bafite uburenganzira bwo kurera umwana cyangwa igashyirwaho umukono n'umwishingizi wemewe n'amategeko. Ababyeyi bombi bagomba gushyiraho umukono niba umwana abana na bo bombi.
2. Indi Nyandiko Itanga Ububasha Budasesuye igomba kuzuzwa kuri buri mwana wo mu muryango.
3. Ifishi y'Ubushobozi ntarengwa bw'umunyamategeko ni igisubizo cy'igihe gito umubyeyi cyangwa ababyeyi bafashwe maze bagafungwa na leta. Umukozi wikigo azaganira n'umwunganizi mu by'amategeko ku bijyanye no kurera umwana igihe umubyeyi cyangwa ababyeyi b'umwana baramutse bafunzwe.
- 4. Iyi fishi ishobora kudahabwa agaciro cyangwa kutemerwa n'abantu bose, inzego za leta zose cyangwa ibikorwa by'ubucuruzi byose.**
5. Kubera ibibazo bijyanye n'ingendo bishobora kuvuka mu gihe cyo gutwara umwana mu kindi gihugu, bishobora kuba ngombwa ko ababyeyi bashyira umukono ku Nyandiko Itanga Ubushobozi ntarengwa bw'umunyamategeko igaragaza umubyeyi umwe n'Uhabwa Ububasha ndetse n'indi Nyandiko Ubushobozi ntarengwa bw'umunyamategeko igaragaza umuntu wo mu muryango cyangwa inshuti bizeye nk'Uhabwa Ububasha.
6. Umubyeyi cyangwa ababyeyi bagomba gushyira umukono kuri iyo fishi bari imbere ya noteri. Igihe utigeze ushyira umukono ku Nyandiko Itanga Ububasha Budasesuye mbere y'uko ufatwa cyangwa ufungwa, ushobora gusaba abakozi ba gereza kugufasha gushaka noteri igihe uri muri gereza. Buri banki igira noteri. Si ngombwa rwose ko utanga amafaranga menshi.
7. Igihe washyize umukono ku Nyandiko Itanga Ubushobozi ntarengwa bw'umunyamategeko mbere, ugomba kongera kuyishyiraho umukono niba wari waragennye igihe izatera agaciro.
8. Ugomba gukora kopi z'iyi fishi nyuma yo kuyishyiraho umukono. Koresha izo kopi igihe cyose bishoboka mu rwego rwo kwirinda ko inyandiko y'umwimerere yakwangirika.

**INYANDIKO ITANGA UBUBASHA NTARENGWA K'UMUNYAMATEGEKO KU  
MWANA NDETE N'UBUVUZI, KUBONA INYANDIKO Z'ISHURI, N'UBUBASHA  
BWO GUFATA IMYANZURO MU MYIGIRE**

**Utanga Ububasha/Umubyeyi**

Amazina: \_\_\_\_\_

Itariki y'amavuko: \_\_\_\_\_

Ubwoko bw'irangamuntu: \_\_\_\_\_

Nomero y'irangamuntu: \_\_\_\_\_

**Utanga Ububasha/Umubyeyi**

Amazina: \_\_\_\_\_

Itariki y'amavuko: \_\_\_\_\_

Ubwoko bw'irangamuntu: \_\_\_\_\_

Nomero y'irangamuntu: \_\_\_\_\_

**Umwana**

Izina: \_\_\_\_\_

Itariki y'amavuko: \_\_\_\_\_

SSN: \_\_\_\_\_

Nomero ya pasiporo: \_\_\_\_\_

**Umukozi wikigo**

Izina : \_\_\_\_\_

Itariki y'amavuko: \_\_\_\_\_

Aderesi: \_\_\_\_\_

Njyewe/Twebwe, \_\_\_\_\_ na \_\_\_\_\_, ubu  
dutuye muri \_\_\_\_\_, nk'umubyeyi(ababyeyi)na/cyangwa ushinzwe(abashinzwe) \_\_\_\_\_  
\_\_\_\_\_, umwana uvugwa hano, duhaye uburenganzira \_\_\_\_\_,  
uvugwa hano wagaragajwe nk'uwo nahaye/twahaye **ububasha**, bwo gukora mu mu mwanya wanjye/wacu  
ndetse akubahariza bijyanye na buri bubasha bukurikira hakurikijwe igice cy'amategeko 1337 yavuguruwe  
muri leta ya Ohio:

1. Kwemera ko umwana ahabwa serivisi z'ubuvuzi, abagwa, ahabwa imiti, avurwa, ashyirwa mu bitaro cyangwa ahabwa izindi serivisi nk'izo;
2. Guha akazi, kugumana cyangwa kwirukana umuntu wese wita ku mwana, umugira inama, umuvura cyangwa umufasha mu bundi buryo ubwo ari bwo bwose;
3. Guhabwa amakuru y'ibanga yerekeye ubuzima bw'umwana wange (wacu) arinzwe nk'uko bisabwa n'Itegeko ryo Kurinda Amakuru y'Ibanga y'Umurwayi (HIPAA), harimo no kuba yahabwa inyandiko;
4. Guhabwa kopi z'amakuru yerekeye uburezi bw'umwana wange (wacu) abitse muri dosiye z'uburezi bw'umwana wange (wacu) zose. Nemereye (twemereye) ibigo by'amashuri kandi mbisoneye (tubisoneye) ku bijyanye n'amabwiriza agenwa n'amategeko abibuza gutanga cyangwa gutangaza amakuru yerekeye uburezi ayo ari yo yose, harimo ibigenwa n'Itegeko Rijyanye n'Uburenganzira bw'Umuryango bwo Guhabwa Serivisi z'Uburezi no Kurinda Amakuru y'Ibanga, 20 U.S.C. 1232g n'Ingingo ya 3319.321 y'Itegeko rya Ohio nk'uko ryavuguruwe;
5. Kugira uruhare mu byemezo by'uburezi byose bireba umwana wange (wacu) nk'aho ari umubyeyi cyangwa umwishingizi w'umwana kuko Uhabwa Ububasha abihereza uburenganzira muri iyi nyandiko. Nemereye (twemereye) ibigo by'amashuri kandi mbisoneye (tubisoneye) ku bijyanye n'amabwiriza agenwa n'amategeko agena ugomba gufata ibyemezo bijyanye n'uburezi bw'umwana wange (wacu), harimo ibigenwa n'Itegeko Rijyanye n'Uburenganzira bw'Umuryango bwo Guhabwa Serivisi z'Uburezi no Kurinda Amakuru y'Ibanga, 20 U.S.C. 1232g n'Umutwe wa 3319 w'Itegeko rya Ohio nk'uko ryavuguruwe;
6. Kujyana umwana wange (wacu) ku ishuri cyangwa kujya kumufata cyangwa gutanga uruhushya ku bijyanye n'ingendoshuri zikorwa mu rwego rw'uburezi bw'umwana wange (wacu). Nemereye (twemereye) ibigo by'amashuri kandi mbisoneye (tubisoneye) ku bijyanye n'amabwiriza agenwa n'amategeko agena ugomba kujyana umwana wange (wacu) ku ishuri cyangwa kujya kumufata cyangwa gutanga uruhushya ku bijyanye n'ingendoshuri zikorwa mu rwego rw'uburezi;

7. Gukoresha uburenganzira bwa kibyeyi nk'ubwo mfite (dufite) mu bijyanye no kwita ku mwana, kumurera no kumukurikirana ndetse no gukoresha ubwo burenganzira mu bushishozi bw'Uhabwa Ububasha nagennye (twagennye) igihe ari kumwe n'umwana iwe mu rugo cyangwa ahandi hantu hose Uhabwa Ububasha nagennye (twagennye) yahisemo mu bushishozi bwe ko bajyana n'umwana;
8. Gutanga uruhushya n'uburenganzira bwo kwemera gutwara umwana mu rugendo ruva cyangwa rujya muri, Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, \_\_\_\_\_; no
9. Gukora ibindi bikorwa byose bikenewe cyangwa bijyanye no gushyira mu bikorwa ububasha bwatanzwe aha.

Njyewe/Twebwe kandi twemeje ko Urukiko rw'Abana rwagena uwo nahaye ububasha nk'umurezi wemewe n'amategeko.

Igikorwa cyose kijyanye n'amategeko gikozwe n'uwo nagennye (twagennye) ngomba (tugomba) kucyubahiriza, kikubahirizwa n'abazungura bange (bacu), abagenerwabikorwa bange (bacu), abampagarariye (abaduhagarariye) ndetse n'abo nashyizeho (twashyizeho). Mfite (dufite) uburenganzira bwo guhindura cyangwa gutesha agaciro iyi Nyandiko Itanga Ububasha Budasesuye igihe icyo ari cyo cyose nyuma y'icyavuzwe hepfo. Ariko nanone ikigo cyose cyangwa umuntu wese bagize icyo basabwa n'uwo nagennye bagomba kugendera kuri iyi Nyandiko Itanga Ububasha Budasesuye kugeza igihe bazaherwa kopi yujuje ibisabwa y'inyandiko yange (yacu) itesha agaciro iyo Nyandiko Itanga Ububasha Budasesuye.

Kopi yose y'iyi nyandiko y'umwimerere iriho umukono (imikono) igomba guhabwa agaciro nk'ak'iyi Nyandiko Itanga Ububasha Budasesuye y'umwimerere. Iyi Nyandiko Itanga Ubushobozi ntarengwa bw'umunyamategeko ntizigera iteshwa agaciro igihe naba (twaba) ntagifite (tutagifite) ubushobozi mpabwa (duhabwa) n'amategeko mu buzima bwange (bwacu) bwose, uretse gusa mu bihe biteganwa n'itegeko.

Njyewe/twebwe dutegutse ko iyo ngwate yahagarikwa ku mushinjacyaha washyizweho nk'umurezi.

Ubu Ubushobozi ntarengwa bw'umunyamategeko bufite aho bugarukira buzakomeza gukurikizwa guhera ku itariki yashyizweho umukono, kandi buzarangira nyuma yo gusubirwamo mu nyandiko cyangwa \_\_\_\_\_, ku itariki yatanze mbere y'indi.

Itariki: \_\_\_\_\_

Umukono (imikono): \_\_\_\_\_

Leta ya Ohio )

Agace ka \_\_\_\_\_ )

Kuri uyu \_\_\_\_\_ umunsi wa \_\_\_\_\_, 20\_\_\_\_, imbere yanjye, noteri wa leta mu gace kavuzwe na leta, ku giti cyanjye nje \_\_\_\_\_ kandi nemeye gusinya iyi nyandiko kandi bibaye ku bushake bwe n'icyemezo cyo.

Mu kubihamya, nanditse hano izina ryanjye nshyiraho n'ikimenyetso cyanjye cy'umwanditsi ku itariki n'umwaka wanditsweho haruguru.

\_\_\_\_\_  
Noteri wa Leta

Komisiyo yanjye irangira: \_\_\_\_\_

(KASHI)

# NOMERO ZA TELEFONE & AMAKURU BY'INGENZI.

## IGIHE HAKENEWE UBUTABAZI, HAMAGARA 911

**Polisi:**

**Abashinzwe kuzimya inkongi y'umuriro:**

**Konsila yo mu gihugu cyanjye**

## UMURYANGO/ABANTU B'INGIRAKAMARO BARI MURI LETA ZUNZE UBUMWE Z'AMERIKA.

**Amazina:**

Nomero ya telefone:

Nomero ya telefone igendanwa:

Nomero ya telefone yo ku kazi:

Isano:

**Amazina:**

Nomero ya telefone:

Nomero ya telefone igendanwa:

Nomero ya telefone yo ku kazi:

Isano:

## UMURYANGO/ABANTU B'INGENZI BO MU GIHUGU CYANJYE

**Amazina:**

Nomero ya telefone:

Nomero ya telefone igendanwa:

Nomero ya telefone yo ku kazi:

Isano:

**Amazina:**

Nomero ya telefone:

Nomero ya telefone igendanwa:

Nomero ya telefone yo ku kazi:

Isano:

## AMAKURU YEREKEYE UBWISHINGIZI

**Ubwishingizi bw'ubuzima**

Isosiyete:

Nomero ya telefone:

Nomero y'ubwishingizi #:

**Ubwishingizi bw'ikinyabiziga**

Isosiyete:

Nomero ya telefone:

Nomero y'ubwishingizi #:

Ikinyabiziga cya 1:

Nomero iranga ikinyabiziga/Icyapa kiranga nomero y'ikinyabiziga:

Ikinyabiziga cya 2:

Nomero iranga ikinyabiziga/Icyapa kiranga nomero y'ikinyabiziga:

**Ubwishingizi bw'inzu**

Isosiyete:

Nomero ya telefone:

Nomero y'ubwishingizi:

## AMAKURU YEREKERANYE N'UBUVUZI

**Umuganga:**

Nomero ya telefone:

**Umuganga uvura amenyo:**

Nomero ya telefone:

**Umuganga uvura abana:**

Nomero ya telefone:

**Ibitaro:**

Nomero ya telefone:

**Farumasi:**

Nomero ya telefone:

# AMAKURU Y'UMURYANGO Y'INGENZI

Ifashishe iyi fishi kugira ngo ukusanye amakuru y'ingenzi yose abe ari ahantu hamwe. **Bika inyandiko z'umwimerere zose ahantu hari umutekano (urugero: mu gasanduku gafungishwa ingufuri).**

## NOMERO ZO KU KAZI

### Umukoresha wa 1

Amazina:

Nomero ya telefone:

Umuyobozi:

Itariki watangiriyeho akazi:

Uhagarariye urugaga:

Nomero ya telefone:

### Umukoresha wa 2

Amazina:

Nomero ya telefone:

Umuyobozi:

Itariki watangiriyeho akazi:

Uhagarariye urugaga:

Nomero ya telefone:

## AMAKURU YEREKERANYE N'IBINYABIZIGA BYAWE

### Ubwoko bw'ikinyabiziga cya 1:

Nomero y'Icyapa kiranga ikinyabiziga:

Nomero iranga ikinyabiziga:

Inguzanyo y'ikinyabiziga:

Ubwishingizi:

### Ubwoko bw'ikinyabiziga cya 2:

Icyapa kiranga nomero y'ikinyabiziga:

Nomero iranga ikinyabiziga:

Inguzanyo y'ikinyabiziga:

Ubwishingizi:

*Shyira kopi y'icyangombwa k'iyandikisha n'icy'ubwishingizi bya buri kinyabiziga ndeste n'ifoto ya buri kinyabiziga ku mugereka.*

## NOMERO Z'IKIGO K'ISHURI/KERESHE

### Ishuri rya 1

Izina ry'ikigo k'ishuri:

Nomero iranga ikigo k'ishuri:

Nomero ya telefone:

Amazina y'umwana:

Amazina y'umwarimu:

Amazina y'umwana:

Amazina y'umwarimu:

### Ishuri rya 2

Izina ry'ikigo k'ishuri:

Nomero iranga ikigo k'ishuri:

Nomero ya telefone:

Amazina y'umwana:

Amazina y'umwarimu:

Amazina y'umwana:

Amazina y'umwarimu:

## NOMERO YA SOCIAL SECURITY #/ITIN

Amazina:

Nomero:

Amazina:

Nomero:

Amazina:

Nomero:

Amazina:

Nomero:

*Shyiraho umugeraka wa kopi ya buri karita y'ubwiteganyirize.*



# AMAKURU Y'UBUVUZI BW'UMURYANGO N'IMENYEKANISHA

**Omekaho kopi yicyemezo cy'amavuko, icyemezo cy'urukingo, na mafoto ya buri munyamuryango.**

## UMUNTU UGIZE UMURYANGO WA #1

Amazina:

Itariki y'amavuko:

Yatanze urugingo: Yego No

Ubwivumbure bw'umubiri:

Imiti:

Indwara arwaye & izo yigeze kurwara:

## UMUNTU UGIZE UMURYANGO WA #2

Amazina:

Itariki y'amavuko:

Yatanze urugingo: Yego No

Ubwivumbure bw'umubiri:

Imiti:

Indwara arwaye & izo yigeze kurwara:

## UMUNTU UGIZE UMURYANGO WA #3

Amazina:

Itariki y'amavuko:

Yatanze urugingo: Yego No

Ubwivumbure bw'umubiri:

Imiti:

Indwara arwaye & izo yigeze kurwara:

## UMUNTU UGIZE UMURYANGO WA #4

Amazina:

Itariki y'amavuko:

Yatanze urugingo: Yego No

Ubwivumbure bw'umubiri:

Imiti:

Indwara arwaye & izo yigeze kurwara:

### UMUNTU UGIZE UMURYANGO WA #5

Amazina:

Itariki y'amavuko:

Yatanze urugingo: Yego No

Ubwivumbure bw'umubiri:

Imiti:

Indwara arwaye & izo yigeze kurwara:

### UMUNTU UGIZE UMURYANGO WA #6

Amazina:

Itariki y'amavuko:

Yatanze urugingo: Yego No

Ubwivumbure bw'umubiri:

Imiti:

Indwara arwaye & izo yigeze kurwara:

### UMUNTU UGIZE UMURYANGO WA #7

Amazina:

Itariki y'amavuko:

Yatanze urugingo: Yego No

Ubwivumbure bw'umubiri:

Imiti:

Indwara arwaye n'izo yigeze kurwara:

### ABANTU BASHOBORA KUJYA GUFATA UMWANA WANJYE KU ISHURI/KERESHE

Amazina:

Amazina:

Itariki y'amavuko:

Itariki y'amavuko:

Nomero ya telefone yo mu rugo:

Nomero ya telefone yo mu rugo:

Nomero ya telefone igendanwa:

Nomero ya telefone igendanwa:

Isano:

Isano:

### ABANTU BASHOBORA KUJYA GUFATA UMWANA WANJYE KU ISHURI/KERESHE

Amazina:

Menyesha abakozi bo ku ishuri abana bawe bigaho ko abantu bagaragajwe muri ibi bice bafite uburenganzira bwo kujya gufata abana bawe ku ishuri cyangwa badafite ubwo burenganzira.

Amazina:

\*\*\*Niba hari itegeko ribibuza, shyiraho kopi y'icyo cyemezo maze ushyire kopi yindi ku ishuri cyangwa ku kigo cy'abana bawe.

Amazina:

# ABANTU WAKWITABAZA MU GIHE UHUYE N'IBIBAZO BY'AMATEGEKO, UBUJURA BUJYANYE N'UMWIRONDORO NDETSE N'UBURIGANYA.

Ku bw'impamvu z'umutekano wawe, IRINDE kwandika nomero z'amakarita wishyuriraho cyangwa nomero za konti zawe kuri iyi nyandiko.

## SOSIYETE ZITANGA AMAKARITA WISHYURIRAHU

### Ikarita ya 1

Isosiyete:

Umurongo wa telefone utishyurwa:

Amazina ari ku ikarita:

### Ikarita ya 2

Isosiyete:

Umurongo wa telefone utishyurwa:

Amazina ari ku ikarita:

### Ikarita ya 3

Isosiyete:

Umurongo wa telefone utishyurwa:

Amazina ari ku ikarita:

## IHUTIRE gutanga igihe wibwe amakarita wishyuriraho!

## UBUFASHA BW'AMATEGEKO MBONEZAMUBANO

Ubwunganizi mu by'amategeko:

Umwunganizi mu by'amategeko uburanira abimukira:

Undi mwunganizi mu by'amategeko:

## ABO WAKWIYAMABAZA MU BIJYANYE N'IMARI

### Konti isanzwe ya 1

Banki:

Umurongo wa telefone utishyurwa:

Abantu bayifiteho uburenganzira:

### Konti isanzwe ya 2

Banki:

Umurongo wa telefone utishyurwa:

Abantu bayifiteho uburenganzira:

### Konti yo kuzigama ya 1

Banki:

Umurongo wa telefone utishyurwa:

Abantu bayifiteho uburenganzira:

### Konti yo kuzigama ya 2

Banki:

Umurongo wa telefone utishyurwa:

Abantu bayifiteho uburenganzira:

## IBIGO BYA LETA WAKWIYAMBAZA

Gusaba ubufasha ku bijyanye n'ihohoterwa rikorerwa mu ngo:

Umushinjacyaha:

Gutanga amakuru y'ihohoterwa rikorerwa abana:

# UBUVUZI BW'IHUTIRWA BW'AMATUNGO YO MU RUGO

## ITUNGO RYO MU RUGO RYA #1

Amazina:

Itariki y'amavuko:

Ubwoko:

Ibisobanuro:

Nomero y'iyandikisha:

Imiti:

Uburwayi:

## ITUNGO RYO MU RUGO RYA #2

Amazina:

Itariki y'amavuko:

Ubwoko:

Ibisobanuro:

Nomero y'iyandikisha:

Imiti:

Uburwayi:

## UMUGANGA W'AMATUNGO

Amazina:

Nomero ya telefone:

Aderesi:

Nomero ya telefone ihamagarwa hakenewe ubuvuzi bwihutirwa:

## AMACUMBI YAKIRA AMATUNGO YO MU RUGO

Amazina:

Nomero ya telefone:

Aderesi:

*Shyira ifoto ya buri tungo ryo mu rugo ku mugereka.*

# UMUGEREKA C.: NOMERO Z'INGENZI

## AMAKURU YEREKEYE ABIMUKIRA BAFUNZWE & ABAVUGIZI B'ABIMUKIRA MURI LETA YA OHIO



**SISITEME YA INTERINETI YA ICE YEREKANA AHO UMUFUNGWA  
AHEREREYE:**

<https://locator.ice.gov/odls/homePage.do>

Ifashishe iyi paji kugira ngo umenye aho imfungwa yafashwe n'Urwego Rushinzwe Abimukira na za Gasutamo (ICE) iherereye cyangwa aho uwafunguwe n'Urwego Rushinzwe Abimukira na za Gasutamo aherereye ku mpamvu iyo ari yo yose mu gihe k'iminsi 60 ishize. Ugomba kwandikamo "numero iranga umunyamahanga" (izwi nanone nka "numero ya A") ndetse n'igihugu akomokamo. Igihe utazi numero ya A y'uwo muntu, ushobora gushakisha ukoresheje izina ry'idini n'izina ry'umuryango bye, igihugu akomokamo n'itariki y'amavuko ye. Gushakisha ukoresheje amazina bituma sisitemu iguha gusa ibisubizo bihuye na byo. Bityo rero ugomba kugerageza uburyo butandukanye bwo kwandika amazina y'uwo muntu (ukoresheje akanyerezo, wanditse gusa izina ry'umuryango n'ibindi).

ICYITONDERWA: Sisitemu ya interineti y'Urwego Rushinzwe Abimukira na za Gasutamo ntishobora gushaka amakuru y'abantu bafite imyaka iri muni ya 18.

### IBIRO BYA LETA:

#### Urwego Rushinzwe Abimukira na za Gasutamo (ICE)

##### Cleveland

925 Keynote Circle  
Brooklyn Heights, OH 44131  
(216) 749-9200

##### Columbus

675 Brooksedge Boulevard  
Westerville, OH 43081  
(614) 948-4100

#### Urwego Rushinzwe Ubwenegihugu n'Abinjira n'Abasohoka muri Amerika (USCIS):

Umurongo wa USCIS utangirwaho ubufasha mu gihugu: 1 (800) 375-5283

##### Cincinnati Field Office

550 Main Street, Room 4001  
Cincinnati, OH 45202

##### Columbus Field Office

395 E. Broad St. Suite 100  
Columbus, OH 43215  
(800) 375-5283

##### Cleveland Field Office

1240 East 9th Street, Room 501  
Cleveland, OH 44199

## **Ibiro Nshingwabikorwa Bisuzuma Dosiye z'Abimukira (EOIR):**

### **Urukiko rw'abimukira muri Cleveland**

801 W. Superior Ave, Suite 13 - 100

Cleveland, OH 44113

(216) 802-1100

### **Aho wakura amakuru y'urubanza mu buryo bw'ikoranabuhanga**

Amakuru ajyanye n'imiterere y'urubanza ku bantu bari mu bateganywa kwirukanwa, aboneka iminsi yose amasaha 24/7. Hasabwa numero iranga umunyamahanga (numero ya A) kugira ngo ubashe kubona ayo makuru, ariko umuntu uwo ari wese ashobora guhamagara.

1 (800) 898-7180

### **Urubuga wakuraho amakuru ajyanye n'urubanza**



Icyongereza: [acis.eoir.justice.gov/en/](https://acis.eoir.justice.gov/en/)



icyesipanyolo: [acis.eoir.justice.gov/es/](https://acis.eoir.justice.gov/es/)

## **Urwego Rushinzwe Kurinda za Gasutamo n'Imipaka muri Amerika (CBP):**

### **Sandusky Bay Station**

709 SE Catawba Rd.

Port Clinton, OH 43452

(419) 732-4400

### **Erie Station**

7851 Traut Drive

Fairview, PA 16415

(814) 474-4700

## AHAFUNGIRWA ABANTU:



**Sisitemu ya interineti yerekana ahafungirwa abimukira:**  
[www.ice.gov/detention-facilities](http://www.ice.gov/detention-facilities)

## Amakuru rusange

Imfungwa ntizishobora kwitaba telefone. Niba ukeneye kuvugana n'ifungwa kugira ngo uyihe ubutumwa bwihutirwa, ugomba guhamagara numero y'aho ifungirwa maze ukavuga amazina yose y'ifungwa, numero iranga umunyamahanga yayo ndetse n'amazina yawe na numero ya telefone ubonekaho. Imfungwa izahabwa ubwo butumwa bwawe.

**Gusurwa:** Kugira ngo haboneke igihe gihagije cyo gusaka abasura no gusuzuma ibyangombwa byabo, abasura bose bagomba kuhagera iminota 45 mbere y'igihe cyo gusura cyateganyijwe. Abasura bagomba kwerekana icyangombwa kibaranga cyatanzwe na leta y'Amerika kigifite agaciro kugira ngo bemerewe kwinjira ahafungirwa abimukira. Abana batagejeje ku myaka y'ubukure baje gusura bagomba kuba baherekejwe n'umuntu mukuru (ufite imyaka 18 cyangwa hejuru yayo). Abana batagejeje ku myaka y'ubukure ntibagomba gusigwa bonyine mu cyumba cyaho abasura bategereze, aho basurira cyangwa ahandi hantu aho ari ho hose.

**Kohereza amafaranga:** Vugana n'ubuyobozi bw'ahafungirwa umwimukira kugira ngo bukubwire uko kohereza amafaranga bikorwa. Igihe ifungwa zohererejwe amafaranga ku iposita, zijyanwa aho bayafatira kugira ngo ziyafate maze agashyirwa kuri konti yazo. Umukozi utanga amafaranga agomba no gutanga n'inyemezabwishyu igaragaza amafaranga yose yakiriwe. Wikohereza amafaranga afatika ku iposita.

## Uko batanga ingwate yo gufunguza umwimukira

Izi ngwate zitangwa iyo umuntu agiye kwirukanwa mu gihugu kandi akiri muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika. Umuntu utanga amafaranga y'ingwate agomba kugaragaza icyangombwa kimuranga ndetse n'icyangombwa kiranga umwimukira kemewe n'amategeko. Uwo muntu (umwishingizi) afite inshingano zo gukora ku buryo uwo mwimukira yitaba umupolisi cyangwa umukozi w'iki kigo igihe cyose aramutse abisabwe. Ku bijyanye n'amakuru yerekeye ingwate, hamagara numero itangirwaho amakuru yerekeye ingwate y'ahafungirwa umwimukira maze usabe kuvugana n'Umukozi Ushinzwe Dosiye z'Abasubizwa mu Bihugu byabo uri gukurikirana dosiye y'uwo mwimukira. Ugomba kuba uzi izina ry'umuryango ry'ifungwa na numero iranga umunyamahanga yayo mbere yo guhamagara.

Kugira ngo wishyure ingwate y'umuntu wafunzwe n'Urwego Rushinzwe Abimukira na za Gasutamo (ICE), ugomba kuyitangira kuri Cleveland cyangwa Columbus ERO/ICE Office (bitewe n'aho uherereye), kuva ku wa Mbere kugeza ku wa Gatatu (ukuyemo iminsi y'ibiruhuko) hagati ya saa 9h00 za mu gitondo na saa 3h00 za nimugoroba. Ubwoko bw'ingwate bwemerwa ni inyandiko ihesha uyifite uburenganzira bwo gufata amafaranga, sheki yemewe cyangwa sheki yatanze na banki. Izi nyandiko zigomba kugaragaza ko uwishyurwa ari "Ishami Ishami Rushinzwe Umutekano w'Imbere mu Gihugu ryo muri Amerika.



Ingwate zishobora gushyirwa kuri interineti kuri:  
[www.ice.gov/detain/detention-management/bonds](http://www.ice.gov/detain/detention-management/bonds)



Turagusaba gukoresha Igitabo cyo Kwishyura Ingwate y'abimukira kuri Interineti bivuye mu guhana ubutabera mu baturage unyuzwe kuri  
[www.communityjusticeexchange.org/en/resources-all/cebondsguide](http://www.communityjusticeexchange.org/en/resources-all/cebondsguide)

Ku bijyanye n'ibindi bibazo byerekeye ingwate, vugana n'Ikigo Gishinzwe Gukurikirana Imyenda:

### Ikigo Gishinzwe Gukurikirana Imyenda

Itonde: Igice cy'ingwate

P.O. Box 5000, Williston, VT 05495-5000

Telephone: (802) 288-7600 | Fax: (802) 288-1226





## Urutonde rw'ibigo bya ICE/ERO byakira ingwate byose muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika:

<https://www.ice.gov/ice-ero-bond-acceptance-facilities>

### AHAFUNGIRWA ABIMUKIRA MURI OHIO

\*Uru rutonde rujyanye n'igihe muri Mutarama 2025 Reba kuri paji za interineti za ICE/ERO zemera ingwate ziri hejuru kugira ngo ubone amakuru agezweho ku bigo byo gufungirwamo.

#### Geauga County Safety Center

12450 Merritt Rd.; Chardon, OH 44024

**(440) 279-2009**

Aho ba parika: Parikingi iherereye imbere y'inyubako.

Urwego Rushinzwe Abimukira no Kubirukana mu Gihugu (ERO/ICE):

Ishami ry'urwo rwego: (313) 568-6049

Amakuru yerekeranye n'ingwate: (216) 535-0372

Amasaha:

yo gusura azashyirwa kuri buri nzu n'aho abantu bategerereza. Amasaha aboneka kandi ku rubuga rw'Ishami ry'Ubuyobozi bw'agace ka Geauga.

Imfungwa zemerewe gusurwa iminota 60 mu cyumweru kandi buri sura rikamara iminota 30.

#### Kasho ya gace ka Seneca County Jail

3040 South State Rte. 100; Tiffin, OH 44883

**(419) 448-5074**

Aho baparika: Parikingi iherereye imbere y'inyubako.

Urwego Rushinzwe Abimukira no Kubirukana mu Gihugu (ERO/ICE):

Ishami ry'urwo rwego: (313) 568-6049

Amakuru yerekeranye n'ingwate: (216) 535-0372

Gusurwa:

Ku cyumweru:

Abagabo: 8:00-10:00AM, 12:30-4:00PM, 5:30-7:30PM

Abagore: 10:00-11:00AM, 7:30-8:30PM

### AMBASADE N'AMAKONSILA:

**Bitewe n'igihugu cyanyu, ambasade cyangwa konsila y'igihugu cyanyu ishobora kuba yabaha serivisi, inama, cyangwa inyandiko z'ingenzi zo kugufasha kwiregura ku bijyanye no kwirukanwa no kugenzura imigendekere y'imanza.**

**Amakuru y'uko washyikirana n'Ambasade n'Amakonsila y'Abanyamahanga:**

[travel.state.gov/content/travel/en/consularnotification/ConsularNotificationandAccess.html](https://travel.state.gov/content/travel/en/consularnotification/ConsularNotificationandAccess.html)



# ABLE

ADVOCATES  
FOR BASIC LEGAL  
EQUALITY, INC.

Advocates for Basic Legal Equality, Inc. (ABLE) ni ikigo cy'amategeko kidaharanira inyungu cyashinzwe mu myaka irenga 50 ishize kugira ngo abantu batagira kirengera mu miryango yacu bagire uburenganzira bungana n'ubw'abantu n'amasosiyete ashobora kugura umwunganira mu mategeko.



[immigration.ablelaw.org](https://immigration.ablelaw.org)

130 W. Second St., Ste. 700 East  
Dayton, OH 45402

(937) 228-8104 | (800) 837-0814

FAGISI: (937) 535-4600

TTY: (888) 545-9497



[ablelaw.org](https://ablelaw.org)

525 Jefferson Ave., Ste. 300  
Toledo, OH 43604

(419) 255-0814 | (800) 837-0814

FAGISI: (419) 259-2880

TTY: (888) 545-9497



[/ABLELawInc](https://www.facebook.com/ABLELawInc)



[linkedin.ablelaw.org](https://www.linkedin.com/company/ablelawinc)

1105 Ralston Ave., Ste. A  
Defiance, OH 43512

(800) 837-0814

FAX: (419) 782-5830

TTY: (888) 545-9497



[@ablelawinc](https://www.instagram.com/ablelawinc)

Saba ubufasha mu by'amategeko ku buntu kuri Interineti unyuze ku murongo w'ubufasha muby'amategeko:



[LegalAidLine.org](https://www.LegalAidLine.org)



**Hamagara: (419) 930-2555**



**WhatsApp cyangwa ubutumwa:  
(419) 469-7161**